



MINISPOC



RALC

**“INDANGAGACIRO Z’UBUKWE
BWA KINYARWANDA”**

KIGALI – RWANDA

2017

ISHAKIRO

i. ISHAKIRO

0. INTANGIRIRO

1. IMIHANGO Y'UBUKWE MU MUCO W'ABANYARWANDA

1.1. Ibyakorwaga mbere yo gushyingirwa

- 1.1.1. Kurambagiza
- 1.1.2. Gusaba no gufata irembo
- 1.1.3. Gusaba no gukwa umugeni
- 1.1.4. Gutebutsa

1.2. Ibyakorwaga mu kurongora no kurongorwa

1.3. Nyuma yo gushyingirwa

- 1.3.1. Gutinya
- 1.3.2. Gutwikurura
- 1.3.3. Gutekesha
- 1.3.4. Guca mu irembo no kuramukanya
- 1.3.5. Gusura urugo
Umwanzuro

2. IMIHANGO Y'UBUKWE MURI IKI GIHE

- 2.1. Kurambagiza, gusaba no gufata irembo
 - 2.1.1. Kurambagiza
 - 2.1.2. Gusaba no gufata irembo
 - 2.1.3. Gusaba no gukwa umugeni
 - 2.1.4. Gusezerana imbere y'amategeko
 - 2.1.5. Gusezerana mu idini no gushyingirwa
 - 2.1.6. Gutwikurura
 - 2.1.7. Guca mu irembo

3. INAMA ZIGIRWA ABATEGANYA GUSHINGA INGO

- 3.1. Inama zigirwa abasore n'inkumi bifuza kubaka urugo
- 3.2. Inama zigirwa umuryango n'ababyeyi
- 3.3. Uruhare rwa Leta n'imiryango itari iya Leta

4. UMWANZURO

0. INTANGIRIRO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 nk'uko ryavuguruwe muri 2015, mu ngingo yaryo ya 18 ku kurengera umuryango rigira riti: ***“Umuryango, ari woshingiro y'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta”***.

Ubukwe ni umwe mu mihango ikomeye mu buzima bw'umuntu. Mu muco w'Abanyarwanda, ubukwe ni ishingiro ry'umuryango. Ni umuhango wubahwa kuko uhuza imiryango ukayagura, ugatuma umuntu ashinga urugo rwe, akabyara ndetse n'Igihugu kikunguka amaboko. Imihango y'ubukwe igenda itandukana hagendewe ku muco, idini ndetse n'akarere abantu baherereyemo.

Mu muco w'Abanyarwanda, ubukwe ni uruherekane rw'imihango, imisango n'ibindi bikorwa hagamijwe gushinga urugo rushya no gusabanya imiryango. Ubukwe bwatangiriraga mu kurambagiza hifashishijwe umuranga, hagakurikiraho gusaba no gufata irembo, gusaba umugeni no gukwa, gutebutsa no gushyingira umugeni bigasozwa no gutwikurura. Nubwo iyi mihango muri rusange mu Rwanda hose yakorwaga, yatandukanaga ku ngano no ku byatangwaga bitewe n'amikoro y'imiryango n'uturere iherereyemo.

Kuva abakoroni bagera mu Rwanda imico mvamahanga ikinjira inyuze mu madini, amashuri, ikoresha ry'ifaranga n'iterambere ry'ikoranabuhanga indangagaciro z'umuhango w'ubukwe zagiye zitakaza ireme ryazo mu kubaka umuryango nyarwanda uhamye.

Ibyo byatumye muri iki gihe, uruhare rw'umuryango mu bukwe rugabanuka cyangwa rukabura, umusore n'umukobwa babana bataziranye bihagije, ubukwe buhenze, inkwano yabaye nk'ikiguzi cy'umukobwa, ibirongoranwa by'umurengera n'ibindi. Ibi bizana ingaruka ku ngo zubakwa kuko zirangwamo amakimbirane ashobora kuviramo bamwe kwicana, gutandukana kwa hato na hato, abana ntibitabweho bamwe bakajya mu mihanda, bikagira ingaruka ku mutekano n'iterambere by'Igihugu muri rusange.

Nyuma y'ubushakashatsi bwakozwe ku bukwe bw'Abanyarwanda, hagaragajwe ko gutakaza ireme kw'indangagaciro z'ubukwe bifite uruhare mu bibazo byugarije umuryango fatiro bikanagira ingaruka ku muryango nyarwanda muri rusange. Ubu bukangurambaga bugamije gusembura ibiganiro mu muryango Nyarwanda ku ndangagaciro z'ubukwe nyarwanyarwanda n'uruhare rwazo mu kubaka umuryango w'Abanyarwanda.

1. IMIHANGO Y'UBUKWE MU MUCO W'ABANYARWANDA

Mu Rwanda rwo ha mbere, ubukwe bwari ubw'umuryango. Imiryango iyo yabonaga ko umusore cyangwa inkumi bakuze kandi ko bageze igihe cyo gushinga urugo yatangiraga gutera intambwe zagenwaga n'umuco. Umugeni yasabwaga umuryango kandi agahabwa umuryango w'umusore bityo amakimbirane n'ibindi bibazo byashoboraga kuvuka muri urwo rugo rushya byakemurwaga n'umuryango uhuriye hamwe. ***(Kwirinda no Gukemura amakimbirane mu miryango)***

Imihango y'ubukwe muri rusange yakorwaga hagamiye guhuza imiryango no guha agaciro ababyeyi n'abagize iyo miryango. Iyo mihango iri mu byiciro bitatu ari byo: ibyakorwaga mbere yo gushyingirwa, mu gushyingirwa na nyuma yo gushyingirwa.

1.1. Ibyakorwaga mbere yo gushyingirwa:

- Kurambagiza:

Kurambagiza ni ukureba uburanga bw'umukobwa cyangwa umuhungu, ubwiza, imico n'imyifatire bye. Mu kurambagiza kandi habagaho kumenya no kugenzura imyitwarire, imibereho, imikorere, isuku ndetse n'umuryango umuhungu cyangwa umukobwa akomokamo kugira ngo umenye niba yarahawe uburere.

Ubusanzwe mu muco w'Abanyarwanda habagaho umuranga wafashaga imiryango y'abateganya gushyingiranwa kumenyana no gutunganya neza imihango ijyanye no kurambagizanya kwayo. Umuranga yabaga ari inshuti y'imiryango yombi ishaka guhana abageni cyangwa akaba umuvandimwe w'umuryango umwe ariko aziranye n'abantu bo mu muryango bashakamo amaboko. Umurimo w'ingenzi w'umuranga wari uwo guhuza imiryango yombi kandi akayifasha kumenyana neza mbere yo kunga ubumwe ngo bashyingirane. Iyo umuranga yamenyeshaga imiryango uwo yatoranyije, umusore n'inkumi bashoboraga guhura bakamenyana mu buryo busanzwe butuma barebana cyangwa bakaganira.

Uyu muhango wari uhatse indangagaciro yo ***gushishoza*** kubera ko imiryango yabanzaga kumenyana hirindwa guhubuka kuko byashoboraga kugira ingaruka ku rugo rushya rushinzwe.

- Gusaba no gufata irembo:

Gusaba no gufata irembo ni umuhango wakurikiraga kurambagiza, ukabera iwabo w'umukobwa. Imisango yo gusaba no gufata irembo akenshi irihuta kuko ubusanzwe mu kinyarwanda ntawimana irembo. Iyo umuryango w'umusore wemerewe irembo, hakurikiraho umuhango wo kurifata.

Iyo abo umuryango w'umusore yahisemo ngo bage kumufatira irembo bageze iwabo w'umukobwa barakirwa, bakazimanirwa maze uhagarariye umuryango w'umukobwa agafata ijambo akababaza ikibagenza. Umuranga, se w'umusore cyangwa undi umuryango w'umusore watoranyije ni bo bajyaga gusaba no gufata irembo. Iyo umuryango w'umukobwa wabemereraga gusaba irembo, umuryango usaba watangaga inka y'ifatirembo (abatunzi) cyangwa isuka.

Uyu muhango wari ugamiye guhuza umuryango w'umusore ku nshuro ya mbere n'umuryango w'umukobwa mu rwego rwo kumenyana mbere y'uko baziyeze guhana abageni.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **kujya inama** kubera ko ari bwo bwa mbere imiryango yombi yabaga iganiriye ku bijyanye n'ubukwe bw'abana babo. Uyu muhango watumaga imiryango **isabana**, ikamenyana kurushaho.

- Gusaba no Gukwa

Gusaba ni umuhango ukurikirira uwo gufata irembo ukabera iwabo w'umukobwa. Mu muhango wo gusaba umuryango w'umusore watoranyaga abakwe bajya kuwusabira, bakagenda bayobowe n'umukwe mukuru bakagenda bitwaje inzoga zo gusabisha.

Uyu muhango wahaga agaciro imiryango kuko umusore ntiyagombaga kwiyemeza ngo atware umukobwa atamuhawe. Ibyo byari ikimenyetso cy'uko umuryango w'umuhungu uha agaciro umuryango wareze umukobwa.

Uyu muhango uhisha indangagaciro nyinshi kandi zikomeye nko **kubaha umuryango** kuko ntabwo umuryango w'umusore wihaga umugeni atamusabye. Hagararamo kandi **ikinyabupfura**. Mu gihe k'imisango yo gusaba umuryango w'umukobwa watindaga kwemera ubusabe bw'umuryango w'umusore, ibyo bikagaragaza indangagaciro yo **kwihesha agaciro**.

Gukwa ni umuhango wakurikiraga uwo gusaba ugakorwa n'umuryango w'umusore kandi ukabera iwabo w'umukobwa. Umuryango w'umusore wakwaga inka, isuka cyangwa andi

matungo nubwo buri hose havugwaga ko hakowe inka. Inkwano yatangwaga yabaga ari ishimwe ry'ababyeyi, kikaba ikimenyetso cy'uko imiryango yombi yemeye kuzashyingiranwa.

Uyu muhango ugaragaza indangagaciro yo **kwiyemeza** kubera ko nyuma yo gutanga inkwano ntabwo umuryango w'umusore washoboraga kwisubiraho. Inkwano rero yari **ipfundo ry'ubumwe** hagati y'imiryango yombi.

- **Gutebutsa:**

Gutebutsa ni umuhango wakurikiraga gukwa, ubwo umuryango w'umusore wajyaga iwabo w'umukobwa basabye bakanakwa hagamijwe kuganira ku gihe umuryango w'umukobwa uzabahekera. Uyu muhango ugaragaza indangagaciro yo **guteganya** kubera ko imiryango yateganyaga kandi ikemeranya ku gihe bazahekerwa. Buri ruhande rwagombaga **kubahiriza igihe** bahanye. Hari uturere gutebutsa byashoboraga gukorwaga inshuro zirenze imwe, ibyo byatumaga umuryango w'umuhungu ugaragaza indangagaciro yo **kunamba ku ijambo** ryabo. Ntabwo bisubiragaho nubwo bazaga kenshi mu gutebutsa. Nanone umuryango w'umukobwa washakaga kugaragaza ko wihagazeho, **ukihesha agaciro** muri uko gutinda gutanga umugeni, imiryango izashyingiranwa ikarushaho **gusabana, kumenyana no kunga ubumwe**.

1.2 Iyakorwaga mu kurongora no kurongorwa

Mu Rwanda rwo hambere, mbere yo kurongora no kurongorwa umuryango w'umukobwa waramuhekaga ukamushyira uw'umusore. Iyo yabaga ageze kwa sebukwe bitewe n'akarere, hari imihango yakorwaga mu kumwakira. Hari aho, akiri mu bikingi by'amarembo yahagararaga hejuru y'aho batabye urusyo nyirabukwe akamukoza umwuko mu mpanga. Ahandi, umugeni yarinjiraga agasanga sebukwe yicaye ikambere akamwicaza ku bibero, akanamuha inka y'ibibero akabona kujyanwa mu mbere.

Ibirori by'ubukwe bigeze hagati, imiryango yasabanye se w'umusore yamujeje kurongora. Mu kurongora hakoreshejwe umwishywa, umusore akawambika umugeni, hanyuma akamucira imbazi mu maso yivuga ati "ndakurongoye nitwa runaka mwene runaka" nuko ababyeyi bagatera impundu, abagabo bagasangira inzoga.

Iyo ibyo byarangiraga, nyuma y'uko abahetse umugeni bageze iwabo w'umukobwa bagashyikiriza ababyeyi b'umukobwa umwishywa, hakurikiraho umuhango wo gucunda, guca hagati no kumara amavuta.

Guhekera umugeni umuryango w'umusore byari bifite akamaro kubera byahaga agaciro umukobwa ntiyijyane mu muryango w'umusore. Umugeni yagendaga aherekejwe kandi akanakirwa n'umuryango umwishimiye akumva ko yungutse undi muryango. Imihango yakorwaga mu kurongora, yafashaga umusore kumva ko yakiriwe neza mu kiciro cy'abagabo kandi bakamushimira mu ruhame rw'imiryango yombi. Byatozaga kandi abasore umuco wo gutegereza agahabwa umugeni, atamwihaye bigatuma amuha agaciro akanamwubaha.

Mu mihango yo kurongora dusangamo indangagaciro nyinshi zubaka Abanyarwanda harimo **kubaha** kubera ko umusore yagenderaga ku byo yabwiwe n'ababyeyi n'umuryango, kandi akubaha abamuruta bose. Umusore n'inkumi batozwaga **kwihangana** bakarinda ubusugi n'ubumanzi kubera ko babaga bazi ko ari ishema kuri bo no ku miryango dore ko uwabaga yaratakaje ubusugi yasebyaga umuryango we.

1.3 Nyuma yo gushyingirwa

Nyuma yo kurongora no kurongorwa, hakurikiragaho gutinya, gutwikurura, gutekesha, guca mu irembo no gusura abageni.

Gutinya

Nyuma yo kurongorwa, hari iminsi umugeni yamaraga ari mu mbere adasohoka, atajya aho abandi bari. Muri icyo gihe cyo gutinya yaboheraga nyirabukwe akebo k'ibara rimwe bitaga nyirabitabo. Nyuma yaho habaga gutwikurura.

Gutinya byari bifitiye akamaro umukobwa n'umuryango ajemo kuko byabafashaga kumenyana. Umukobwa akamenyera umuryango, akanamenya imico n'imyitwarire igenga umuryango mushya agiyemo.

Muri uyu muhango hagaragaramo indangagaciro yo **kwakira no kwita ku bashyitsi** kubera ko umugeni yahabwaga umwanya ngo abanze amenye umuryango mushya ajemo kandi anamenyerezwe imigirire yawo.

Gutwikurura

Gutwikurura ni umuhango wakorwaga hagamije gusohora umugeni kugira ngo bamuhe uburenganzira bwo kujya ahagaragara kugira ngo atangire imirimo ye. Habanzaga gukura abageni mu nyegamo, kubogoshya amasunzu, guha abana amata no kwereka imitwa.

Umuryango w'umukobwa babaga bamuzaniye ibiribwa, imyaka n'ibikoresho byo mu gikoni. Umukwe mukuru ni we watumwaga mu rugo ngo ayobore uwo muhango aherekejwe n'abagize umuryango, abakuze n'abari b'amasugi.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **kubaha umuryango** kuko umugeni yakomezaga gutegereza amabwiriza y'umuryango ategereje igihe imiryango izashobora kwitegura neza ngo imutwikurure. Nanone umugeni yagaragazaga **kwihangana** kuko yakomezaga kubaho agenerwa ifunguro kandi yakabayeye yikorera. Mu gihe cyo kwereka imitwa, urugo rushya rwararemerwaga cyangwa rugahabwa ibikoresho nkenerwa mu rugo aha tugasangamo indangagaciro yo **kugira urugwiro n'ubuntu**.

- Gutekesha

Gutekesha cyangwa gukora ku mashyiga ni umuhango wakorwaga n'iwabo w'umuhungu nyuma yo kurongora kugira ngo bamushyigikire mu rugo rushya. Uyu muhango wakorwaga n'umugeni, umugabo we na nyirabukwe na sebukwe. Nyirabukwe yamuzaniraga bimwe mu bikoresho byo mu rugo nk'urukebano cyangwa akabindi.

Uyu muhango wari ugamije guha uburenganzira bwo gukora imirimo no gutinyuka sebukwe na nyirabukwe. Muri uyu muhango umusore n'umukobwa bakoraga umuhango wo gufatanya guteka ibyo ababyeyi babaga bazanye.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro ikomeye yo **kunga ubumwe** kubera ko umuryango w'umuhungu wabaga ugamije gutinyura umugeni no kumufasha kurushaho kubisanzuraho ariko atarengereye. Nanone dusangamo umuco mwiza wo **gufatanya no kuzuzanya mu muryango** kuko mu gutekesha umugeni n'umugabo we bafatanyaga guteka, bakabikorera imbere y'ababyeyi b'umusore.

- Guca mu irembo no kuramukanya

Guca mu irembo byakorwaga n'umusore washyingingiwe n'umugeni we, ubwo basuraga iwabo w'umukobwa. Uyu muhango wabaga nyuma y'igihe runaka abashyingingiwe baramenyereye urugo kandi baratangiye kurukorera, umusore akajya gukura ubwatsi.

Muri uyu muhango bajyanaga na se w'umuhungu, umuranga cyangwa se undi muntu washoboraga kubavugira ijambo. Bajyanaga inzoga basangira kandi bakaganira hagamijwe gushimira umuryango w'umukobwa ko watanze umugeni mwiza.

Muri uyu muhango dusangamo indangagaciro yo **gushima no gushimira** kubera ko urugo rushya rwafataga umwanya rukajya gushimira umuryango wabashyingiye. Ibi byatumaga imiryango irushaho kubana neza n’umurunga wayo ugakomera.

Gusura abageni ni umuhango wakorwaga n’iwabo w’umukobwa ugakorwa nyuma yo guca mu irembo. Ababyeyi b’umukobwa bateganyaga inzoga n’izindi mpano bashyira urugo rushya kugira ngo barufashe kurushaho kwiteza imbere. Uyu muhango watumaga umuryango w’umukobwa urushaho kumenyana n’umukwe wabo kuko muri uyu muhango nta misango myinshi yabagamo.

Uyu muhango wari ngombwa kandi uhatse indangagaciro yo **kugira urugwiro** kuko ahanini uyu muhango wafasha umuryango w’umukobwa kurushaho kumenya umukwe no kurushaho gukundana.

UMWANZURO

Umuco w’Abanyarwanda cyanecyane mujyanye n’imihango y’ubukwe wari ufite byinshi byiza: gushishoza mu guhitamo umuryango muzashyingiranwa, gusabanya imiryango, kunguka amaboko, kurema urugo rukomeye n’ibindi. Abanyarwanda bahaga agaciro gakomeye ubukwe kuko ari bwo bwatumaga habaho kubaka urugo, bityo umuryango n’Igihugu bikaguka. Ibyo byasabaga ubushishozi no guhitamo neza uzaremya urugo. Umuryango wagiraga uruhare mu mitegureire inoze y’ubukwe, ukubakira abana urugo rukomeye.

2. IMIHANGO Y'UBUKWE MURI IKI GIHE

Mu muco w'Abanyarwanda nk'uko tumaze kubibona haruguru gushinga urugo byagiraga imihango, imigenzo n'imiziririzo bikurikiza no muri iki gihe mu bice binyuranye by'Igihugu ingingo ngenga z'ubukwe ziracyubahirizwa nubwo hari impinduka nyinshi zibugaragaramo.

Izo mpinduka ziterwa ahanini n'imimerere y'ubuzima bw'iki gihe, ikoresha ry'amafaranga n'inyota yayo, amadini, amategeko n'amabwiriza mbonezamubano byumvwa nabi, ingaruka z'ubuhunzi, jenocide, iterambere n'ikoranabuhanga ryihutisha isabanyamico n'ibindi.

2.1 Umuryango ntugihabwa agaciro

2.1.1 Kurambagiza

Muri iki gihe, abashaka gushinga urugo bahurira ahantu hatandukanye nko mu mashuri, ku kazi, mu bitaramo, kuri murandasi, kuri terefone, mu modoka zitwara abagenzi, mu bukwe, mu kiriyo, n'ahandi hantu hatandukanye haba ahahurira abantu benshi cyangwa se hiherereye. Akenshi muri iki gihe, umusore n'umukobwa bahuye muri ubwo buryo bihutira gutegura kubana kandi mu by'ukuri batabanje guhana umwanya wo kumenyana byimbitse ngo n'imiryango imenyane nayo ibashyigikire. Umuhungu n'umukobwa ni bo barambagizanya, bagashimana hanyuma bakabimenyesha ababyeyi n'imiryango.

Umuhango wo kurambagiza muri iki gihe wataye ireme kandi ntugihabwa agaciro ukwiye. Uwo muhango wagiye uhinduka haba mu bijyanye n'igihe wamaraga, agaciro wahabwaga, abawugiragamo uruhare n'uburyo wafashaga indi mihango y'ubukwe yawukurikiraga.

Bimwe mu bivugwa ko bibangamiye uwo muhango harimo: kuba nta muranga ukibaho, kuba umusore n'inkumi ari bo bihuza umuryango utabigizemo uruhare, kuba umusore n'inkumi badafata umwanya uhagije wo kumenyana no kuba urubyiruko rudahabwa uburere buhagije burutegurira gushinga urugo.

Mu muco w'Abanyarwanda, nta bukwe bwatahaga butagira umuranga. Umurimo w'ingenzi w'umuranga wari uwo guhuza imiryango yombi kandi akayifasha kumenyana neza mbere yo kunga ubumwe ngo ishyingire abana.

Muri iki gihe umuranga nta gaciro agihabwa mu kurambagiza, mu mihango y'ubukwe ndetse no mu ngo zishingwa. Umusore n'inkumi ni bo birambagiriza maze, babifashijwemo n'inshuti zabo, bakagenzura imyifatire y'uwo bashaka kurushingana. Iryo genzura rikorwa mu gusurana bakareba uko babakira, ijisho babareba, imyifatire yabo, isuku ibaranga n'ibindi

bituma urugo rugaragara neza. Uretse ibi, hari n'abita ku mitungo, amashuri, idini cyangwa se akarere uwo bifuzza kubana akomokamo.

Mu muco w'Abanyarwanda rero umusore n'inkumi ntibashoboraga kwikorera isuzuma ubwabo ngo ribe rihagije kuko ryabaga rikeneye undi muntu ubazi bombi, uzi imiryango yombi, akabafasha kumenyana neza kuko kumenya imico, imyumvire, imyifatire, imyitwarire ndetse no gushyira mu gaciro by'abantu bahura ari uko bahanye gahunda bidahagije. Uwo muntu ni we witwa umuranga mu muco w'Abanyarwanda.

Ku rundi ruhande ariko, abasore n'inkumi basigaye bakemanga abaranga b'iki gihe bitewe n'imyitwarire idahwitse iranga bamwe muri bo aho umusore akundana n'umukobwa yamara kumuhararukwa akamurangira (akigira umuranga) undi, bakagenda bamuhererekanya nk'uko bigenda mu mukino w'umupira w'amaguru. Ibi bigira ingaruka zikomeye mu gusenya urugo rushya kuko indangagaciro zo kubahana no kwizerana ku bashakanye ziba zaratakaye.

Uretse kuba umuranga atizewe, usanga abasore cyangwa inkumi batinze gushaka ari bo baba bamukeneye kuko abafasha kubona abo bashyingiranwa mu buryo bwihuse. Ibi mu ri iki gihe usanga byarasimbujwe kuranga umukobwa cyangwa umusore ku mbuga nkoranyambuga, ahantu hahurira abantu benshi, mu bitangazamakuru,...

Ababyeyi n'umuryango ni bo barambagirizaga abana babo bageze igihe cyo kubaka, ariko muri iki gihe usanga nta ruhare rugaragara bakigira mu guhitamo umukwe cyangwa umukazana wabo. Usanga hari uburyo bwinshi abasore n'inkumi bahura, bakamenyana, bagakundana bari kure y'imiryango yabo bigatuma uruhare rw'imiryango ruba ruke cyangwa ntirunaboneke mu irambagiza. N'ubwo ntawakwirengagiza uruhare rw'iterambere n'ikorabuhanga muri iki gihe, ntibikwiriye ko hirengagizwa n'uruhare rw'umuryango mu gushyingiranwa kw'umusore n'umukobwa kuko nabyo bigira ingaruka zitari nziza mu myubakire y'urugo rushya (kutamenyana kw'imiryango bisa nk'ibishyize urugo rushya mu gihirahiro, ndetse n'abana bavutse nabo mu mikurire yabo ntihaburemo ibibazo bitewe n'uko imiryango yombi itaziranye,...)

Uretse kuba abasore n'inkumi baba bari kure y'imiryango yabo, hari nubwo banga nkana kubimenyesha ababyeyi kubera ko bazi ko bashobora kubabangamira bagendeye ku bibazo imiryango ifitanye, ku bibatandukanya nk'amoko, amadini, uturere, inzego z'ubukungu n'ibindi. Ikindi kandi bashobora no kutabibamenyesha bitewe no kubasuzugura cyangwa kutamenya agaciro k'uruhare bagira muri uwo muhango.

Kudaha cyangwa kudasobanukirwa agaciro k'umuryango mu muhango wo kurambagiza ni kimwe mu bituma zimwe mu ngo zishingwa muri iki gihe zitaremeye kuko umusore n'inkumi banzura kurushinga batashishoje neza ngo bamenye uko urugo rwubakwa rugakomera.

2.1.2 Inama z'ubukwe, bridal shower, kitchen party...

Ikindi kibazo kigaragara mu myiteguro ni ik'inama z'ubukwe, uko zitegurwa n'abazitumirwamo. Muri iki gihe usanga inama z'ubukwe akenshi ziganjemo urubyiruko rudasobanukiwe n'imihango yose y'ubukwe bwa kinyarwanda, rukazikora uko rwishakiye dore ko akenshi ruba rwazihejemo imiryango n'abakuze bari kurugira inama.

Abanyarwanda binubira ko aho kugira ngo izi nama zitegure ubukwe, ziba ahanini zigamije gukura ubushobozi bwo gucyuza ubukwe mu bazitabiriye. Ibi bitera bamwe mu bazitabira kuzijyamo ku gahato, abandi bakazihungira kure kubera ko ibizigirwamo biba bisaba amafaranga kandi bakayabishyuzwa nk'aho ari ideni. Ukutitabira izi nama bigira ingaruka ku mitegurire n'imigendekere myiza y'ubukwe kuko hari ibitekerezo biba bitazitangiye. Ibi bigaragarira no mu mico mvamahanga y'ibyiswe « Bridal Shower » cyangwe se « Kitchen party » aho umukobwa witegura kurushinga ahurira hamwe na bagenzi be b'urungano, hakabaho umuhango umeze nk'umunsi mukuru bamugiramo inama akenshi nta muryango we uwurimo.

Abasore n'inkumi bakwiye kujya bategura neza ubukwe bwabo, bagakora ubujyanye n'ubushobozi bafite. Ikindi kandi ntibakwiye guheza umuryango mu nama zo kubategura, ahubwo bakwiye kureka ukajya ugira uruhare rw'ibanze mu myiteguro yabwo yose.

Kujya inama n'ababyeyi ni ingenzi ku bitegura kurushinga. Birakwiye ko umusore cyangwa inkumi begera ababyeyi babo bakabagezaho umushinga bafite wo kubaka urugo, bakabereka uwo bakundanye kugira ngo inama z'ababyeyi zibunganire mu rugendo batangiye. Ababyeyi babafasha kumenya niba nta sano ya hafi bafitanye, kubagira inama no kubigisha ibijyanye n'imihango n'imiziririzo y'ubukwe.

2.2 Kurambagiza, gusaba no gufata irembo

Nk'uko bisanzwe mu Kinyarwanda, kurambagiza ni wo muhango ubanziriza iyindi mu mihango y'ubukwe muri iki gihe. Umusore n'umukobwa ni bo bahura bakarambagizanya, bagashimana bakazabimenyesha ababyeyi n'umuryango. Umuranga n'umuryango muri uyu muhango ntibagihabwa agaciro, abantu bakabana bataziranye bigatuma ingo zimwe na zimwe zitarama.

Gusaba no gufata irembo ni umuhango ukorwa kugira ngo umuryango w'umusore umenywe mu muryango w'umukobwa kandi akenshi muri iki gihe ni ho imiryango imenyera iby'imishinga abana babyo bafite. Uwo muhango ubera iwabo w'umukobwa akaba ari wo muhango wa mbere w'ubukwe muri iki gihe imiryango igiramo uruhare. Umuhango wo

gusaba no gufata irembo, ukorwa mu buryo bwo guhushura bigatuma habaho guhuzagurika mu yindi mihango ikurikiraho.

2.3 Gusaba umugeni, gukwa no gutebutsa

Muri iki gihe gusaba, gukwa no gutebutsa bisigaye bikorerwa umunsi umwe hagamijwe koroshya imyiteguro, gukoresha igihe gito no kwirinda gusesagura. Gusaba no gukwa bibera iwabo w'umukobwa cyangwa ahandi umuryango w'umukobwa wahisemo.

Muri iki gihe uyu muhango ugaragaramo inenge nko kuba imiryango itumira abantu benshi bigatuma ahenshi abo bantu bajya kubakirira ahandi hantu bakodesha, kubakira ntibyorohere bityo hakabamo gusesagura. Uku gukodesha kwaho ibirori bibera bigaragaza ko badaha agaciro umuryango w'umukobwa kuko umuryango ushyingiyeye ari wo uba ukwiye kwakira intumwa ziturutse mu muryango w'umusore.

Indi nenge ni uko imiryango ikodesha umukwe mukuru n'umusangwa mukuru aho usanga baba batazi abagize imiryango yashyingiranye, bakavuga ibyo batazi, bakabusanya amazina y'abasaba cyangwa abasabirwa n'ibindi. Ibi bituma uyu muhango utakaza agaciro kawo.

Mu muhango wo gusaba no gukwa ni na ho umuryango w'umusore utangira inkwano. Muri iki gihe, inkwano isigaye ifatwa uko itari kubera ko hari aho umuryango w'umukobwa ukosha umuryango w'umusore amafaranga menshi ku buryo bukabije cyangwa zaba n'inka zikaba nyinshi ku buryo abenshi mu basore binubira uko guhendwa no guciririkanya biba mu gutanga inkwano.

Akenshi kudaha agaciro umuhango wo gusaba no gukwa ni byo bituma uhuzwa no gukwa ndetse bakanatebutsa. Hari naho usanga gusaba no gukwa, bikorerwa rimwe n'imihango yo gushyingira umugeni ubukwe bwose bukarangirira umunsi umwe.

2.4 Gusezerana imbere y'amategeko

Muri iki gihe, aho amategeko ashyingikira kandi agaha imbaraga ingo nshya zishingwa umuhango wo gusezerana imbere y'amategeko uhabwa agaciro cyane. Hari n'abumva ko ari wo muhango usigaye ari ngombwa kurusha iyindi ikorwa mu bukwe.

Umuhango wo gusezerana imbere y'amategeko ubera mu Mirenge, ukunze kuba mbere yo gusaba no gukwa bigasa nko kubeshya kuko iyo abantu bamaze gusezerana imbere y'amategeko abantu bahinduka umugabo n'umugore. Kujya gusaba abantu bamaze kwemezwa nk'abashyingiranwe bisa nk'imikino. Abayobozi mu nzego z'ibanze baba bakwiye kubyitaho bityo na za ndangagaciro z'umuco w'Abanyarwanda nazo zisigasirwe.

2.5 Gusezerana mu idini no gushyingirwa

Umuhango wo gusezerana mu idini akenshi ni wo ukurikira gusaba umugeni, gukwa no gutebutsa kuko abenshi baba bafite amadini babarizwamo. Uyu muhango ubera mu Rusengeru, Kiriziya cyangwa se mu Musigiti abateganya kubana babarizwamo ukayoborwa n'abahagarariye ayo madini.

Iyo abageni bavuye mu rusengeru akenshi hakurikiraho kujya kwakira abatumurwa ari naho habera imisango igendanye no guhekera umusore umugeni. Gushyingirwa bibera ahantu umusore cyangwa umuryango we baba bakodesheje ngo bahakirire abashyitsi.

Ikibazo kigaragara mu birori byo gushyingira ni uko ahenshi biba bihenze ku buryo bukabije kandi nyuma y'ubukwe ugasanga urugo rushya rusigara mu myenda n'ubukene butewe n'uko gusesagura. Uku guhenda k'ubukwe kugaragarira mu modoka zihenze, imyambaro y'umugeni n'umusore ihenze, gutaka aho ubukwe bubera, itorero ryizihiza ibyo birori rihenze, ibyo kunywa n'ibindi bituma imiryango irebwa n'imyiteguro yabwo isigara yinubira ubukwe.

Uyu muhango ugaragaramo ikibazo cy'uko akenshi abahagarariye amadini baha umwanya munini amahame agenga idini kurusha uko baha agaciro guhuza abakundanye bateganya kurushinga. Usanga batemerera abatabarizwa mu idini runaka gusezerana cyangwa ugasanga abagize imiryango itanyijwe n'idini umwe mu bashyingiranwa abarizwamo. Ahandi usanga imihango yose uhereye ku gusaba, gukwa no gushyingiranwa ibera ku rusengeru kugira ngo abahagarariye amadini babe ari bo bayobora imihango yose y'ubukwe. Ibi bitesha umuryango agaciro kuko ababyeyi n'inama zabo zisimburwa n'iby'idini.

Umuco w'Abanyarwanda mu mwihariko n'ubudasa bwawo ushimangira ubumwe, ubudahangarwa bw'umuryango n'uburere mbonezamubano bw'abagiye kurushinga no kubana. Ibi nta dini na rimwe ribivuguruza cyangwe se ngo byo bibangamire imyemerere y'amadini (by'umwihariko ayemewe mu Rwanda). Ibi bivuze ko Amadini afite uruhare rukomeye mu gusigasira indangagaciro z'ubukwe nyarwanda cyane cyane mu ruhare rwazo mu kubaka umuryango ushyitse.

2.6 Gutwikurura

Umuhango wo gutwikurura muri iki gihe usigaye ubera umunsi umwe no gushyiranwa hagamijwe gukoresha igihe gito no kudasesagura. Hari n'aho usanga gutwikurura bibereye mu cyumba kimwe n'icyo abatumurwa mu bukwe bakirirwemo.

Intego n'agaciro k'uyu muhango biratakara kubera ko uwatwikururwaga yabaga yarabaye umugore kandi hashize iminsi ashyingiwe. Uruhare rw'umuryango muri uyu muhango rurabura cyangwa rukaba ruto cyane.

Uburyo uyu muhango ukorwa muri iki gihe, hagaragaramo inenge ahanini zishingiye ku kuba hari abitiranya ibirongoranwa n'ibitwikururwa. Ibyo bituma ibizanwa muri uyu muhango bibusana. Nanone ibizanwa muri iki gihe biba bihenze cyane kuko akenshi ibirongoranwa bigomba kuba byinshi cyangwa bike hakurikijwe ingano y'inkwano yatanzwe. Muri rusange, mu birongoranwa umukobwa atahana harimo ibikoresho byo mu gikoni, iby'isuku n'ibyo gutaka mu nzu, umufariso, akajyana n'imyambaro ye ndetse n'ikirago.

Hakurikijwe umwihariko wa buri karere ibirongoranwa bigenda byiyongera, hari nkaho bongeraho intebe zo kwicaraho, ibitambaro byo gutaka mu nzu no ku madirishya, tereviziyo n'iradiyo. Mu Karere ka Bugesera hiyongeraho igare ku mukobwa uciriritse naho uwifashije atwara ipikipiki mu birongoranwa. Ibi rero bigora umuryango w'umukobwa kuko aba agomba kubona ibi byose, akabyongera ku myiteguro y'ubukwe iba yabanje.

2.7 Guca mu irembo

Nyuma y'iminsi mike abageni batwikuruwe, habaho umuhango wo guca mu irembo. Uyu muhango uba ugamije gutinyura umugeni ngo amenyere urugo kandi atangire gukora imirimo y'urugo rwe.

Uyu muhango nubwo muri iki gihe ugikorwa, ariko usanga ukorwa mu buryo buhushuye kandi n'uruhare rw'abagize umuryango w'abashyingiranwe ntirugaragare uko bikwiye. Usanga hari ubwo, umugeni ajya iwabo mbere y'uko aca mu irembo kubera ko biba byaratinze cyangwa bitahawe agaciro.

3 INAMA ZIGIRWA ABATEGANYA GUSHINGA INGO

Ibibazo bigaragara mu bukwe muri iki gihe, ahanini biterwa n’uko umuryango utagiha agaciro umuco n’itego nyamukuru y’ubukwe. Ibi bituma umusore, inkumi n’imiryango bakomokamo muri rusange bavanga ibyo umuco w’u Rwanda ugena n’ibiva mu mahanga mu mihango y’ubukwe. Umuco urakura, uratanga kandi ukakira. Ariko mu mihango ndangamuco nk’iy’ubukwe haba hakwiriye guhabwa agaciro indangagaciro zawo kubera akamaro kazo mu kubaka no gushimangira uwo muhango n’icyo ugamije mu kubaka umuryango nyarwanda. Kugira ngo ibi bikemuke, ni ngombwa ko buri wese abigiramo uruhare, akamenya indangagaciro dusanga mu mihango y’ubukwe zadufasha kubaka umuryango uhamye kandi ukomeye.

3.1 Inama zigirwa abasore n’inkumi bifuzwa kubaka urugo

- Abasore n’inkumi bashaka kurushinga bakwiye gufata umwanya uhagije wo kumenyana kandi bakabimenyesha imiryango yabo hakiri kare kugira ngo nayo imenyane ;
- Abagiye kurushinga bakwiye kumva neza no kumenya ko ubukwe ari uguhuza imiryango, ko gushyingiranwa kwabo guhuje imiryango ihindutse umwe ;
- Abateganya kurushinga bakwiye gushishoza mu guhitamo uwo bazabana, bakirinda gushingira ku kimeru, ubutunzi n’izindi nyungu zitaramba ;
- Abateganya kurushinga bakwiye guha agaciro itego y’ubukwe kandi bakamenya indangagaciro zikubiye mu muhango w’ubukwe ;
- Abagiye kurushinga bakwiye gukora ubukwe buhwanye n’ubushobozi bwabo, nta gusesagura cyangwa kwishora mu madeni ;
- Gutoranya abayobora imihango y’ubukwe babizi kandi byaba byiza ari abo mu miryango ihana abageni.

3.2 Inama zigirwa umuryango n’ababyeyi

- Umwana agirwa n’uburere ahabwa kuva akiri muto. Izi ni inshingano z’ababyeyi kumutoza indangagaciro z’ubumuntu, z’ubunyarwanda zizamuranga kandi zikamuha kuzubaka no gushinga urugo ruhamye ;

- Ababyeyi bakwiye gutoza abana indangagaciro z’umuco w’u Rwanda kuva bakiri bato cyanecyane izizabafasha kubaha umuryango no kubaka urugo rukomeye;
- Ababyeyi ntibakwiye kuba ba ntibindeba ku bana babo cyane cyane iyo bageze mu gihe cyo kurushinga. Bakwiye gukurikirana no kugira inama abasore n’inkumi bagiye kurushinga no kubashyigikira mu myiteguro no mu mihango yose y’ubukwe ;
- Mu gihe cy’ubukwe, ababyeyi bagomba kugira uruhare mu kugena uhagararira umuryango (mu gusaba no gufata irembo ; mu gusaba no gukwa ; ndetse no mu y’indi mihango ikurikira) ntibiharirwe umusore n’umukobwa ;
- Gahunda y’ubukwe igomba kwumvikanwaho n’umuryango kuko ubukwe ari ubw’umuryango kandi ukirinda ibyatuma uwo muhango unengwa (gushakana ubushishozi abasangiza b’amagambo, amatorero abyina, abavuzi b’amazina y’inka,...) ;
- Ababyeyi bakwiye kugira imyitwarire n’imibanire myiza iha urugero rwiza abana babo mu kwirinda ingeso mbi za ba shugadadi na shugamami ;
- Ababyeyi bakwiye gushyira imbere urukundo n’umubano w’abana babo kurusha ibintu n’ibindi bibatanya ;
- Ababyeyi bakwiye kumva no kumvisha ababyirutse ko ubukwe ari ubw’umuryango kandi ko ubukwe ari intambwe ikomeye igaragaza gufata icyemezo gihamye cyo gushinga umuryango, ntibumve ko ubukwe ari uburyo bwo kubona amaronko biturutse mu kwano ihanitse bashobora gusaba cyangwa se abasore bakumva ko bakwiriye gusaba ibirongoranwa by’umurenge;
- Ababyeyi bagomba kwitegura ku buryo imihango yo gusaba no gukwa yabera iwabo w’umukobwa kandi igatumirwamo abantu ba ngombwa;
- Umuhango wo gutwikurura ukwiye gukorwa nyuma yo kwakira umwishywa kw’abageni (gukora imibonano mpuzabitsina) kugira ngo hatwikururwe umugore aho gutwikurura umukobwa.

3.3 Uruhare rwa Leta n'imiryango itari iya Leta

- Inzego za Leta, cyane cyane Inzego z'Ibanze, zikwiye kugira uruhare mu bukangurambaga bugamije kwimakaza umuco n'indangagaciro zawo mu rwego rwo kubaka imiryango ihamye, bashyigikira ko imihango yo gusaba no gukwa ibanziriza umuhango wo gusezerana imbere y'amategeko mu rwego rwo gushimangira agaciro k'umuco w'Abanyarwanda no kwirinda kubeshya;
- Hakwiye gukorwa ubukangurambaga ku ruhare rw'umuryango fatiro (umugabo n'umugore we) mu kubaka umuryango nyarwanda ;
- Hakwiye gukorwa ubukangurambaga bwimbitse kugira ngo urubyiruko rwumve ko ingeso mbi mvamahanga nk'ubutinganyi, ubupfubuzi, ubusambo bya bamwe mu rubyiruko atari umuco w'u Rwanda kandi ko zihabanye n'indangagaciro zawo;
- Leta ikwiye gutoza no gushishikariza umuco wo kurinda no gusigasira ubusugi n'ubumunsi mu rwego rwo kubaka umuryango uhamye ;
- Hakwiye gushyirwaho ingamba zikomeye zikumira kandi zigahana by'intangarugero abakuze bashora urubyiruko mu busambanyi "Shugadadi na Shugamami" n'izindi ngeso zisenya umuryango nyarwanda (ubusinzi, ibiyobyabwenge,...);
- Hakwiye gushyirwaho uburyo bwo gukurikirana no guhana abayobozi n'ababyeyi bashyirwaho abana batarageza ku myaka y'ubukure kandi bitaciye mu nzira zemewe n'amategeko u Rwanda rugenderaho;
- Hakwiye kubaho ubukangurambaga busobanurira abana ibibi byo gushaka imburagihe;
- Hakwiye kongera imbaraga mu gukora ubukangurambaga bwo gusobanurira neza Abanyarwanda ibijyanye n'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye.

UMWANZURO

Buri Munyarwanda akwiye gufata iya mbere mu kurinda umuco, urugo n'umuryango byo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 36 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda aho igira iti: *“Umunyarwanda wese afite uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu n'ishingano yo kuwuteza imbere.”*

Nubwo hari inzego za Leta zifite mu nshingano kurengera no guteza imbere umuco nyarwanda, ntawe ukwiriye kwigira “ntibindeba” mu rugamba rwo kurwanya ibitotsi byatokoje ubukwe bw'Abanyarwanda. U Rwanda ruzakomera mu gihe cyose abasore n'inkumi bashinga ingo zikaramba kandi zigamije kubera urugero rwiza ababakomokaho ari bo Rwanda rw'ejo.

UMUGEREKA : IMBONERAHAMWE IGARAGAZA INDANGAGACIRO

ZIRI MU MIHANGO Y'UBUKWE

UMUHANGO W'UBUKWE :	INDANGAGACIRO:
KURAMBAGIZA	<ul style="list-style-type: none">- Kwitonda- Gushishoza- Kumenyana- Guteganya
GUSABA NO GUFATA IREMBO	<ul style="list-style-type: none">- Guteganya- Kuja inama- Kunga ubumwe- Gusabana- Kugira urugwiro
GUSABA NO GUKWA UMUGENI	<ul style="list-style-type: none">- Kubaha umuryango- Kugira ikinyabupfura- Kwihesha agaciro- Guhesha agaciro umuryango- Kunga ubumwe- Kugira ijambo- Kuba intyoza- Kuba inyangamugayo- Gushyira mu gaciro- Kugira ubuntu n'ubumuntu- Kugira umutima- Kugira ubupfura
GUTEBUTSA	<ul style="list-style-type: none">- Guteganya- Kubahiriza igihe- Kunamba ku ijambo- Kutava ku izima- Guhesha agaciro umuryango
KURONGORA	<ul style="list-style-type: none">- Guharanira ubusugi n'ubumanzi- Kubaha ababyeyi- Kubaha umuryango- Kwihangana- Gufashanya- Gusabana
GUTINYA	<ul style="list-style-type: none">- Gushishoza- Kudahubuka- Kwakira mu muryango- Kwihangana

	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira ikinyabupfura - Kubaha umuryango - Kwihangana - Kuremera - Kwigira - Gufashanya - Kugira umutima - Kugira Ubuntu
GUTEKESHA	<ul style="list-style-type: none"> - Gutoza umurimo unoza - Kwakira neza abashyitsi - Gufashanya - Kuzuzanya mu muryango - Kuzuza inshingano - Kunga ubumwe - Kubaha umuryango
GUCA MU IREMBO NO KURAMUKANYA	<ul style="list-style-type: none"> - Kuzirikana - Gushima no gushimira - Kubaha ababyeyi - Kubaha umuryango
GUSURA ABAGENI	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umutima - Kugira urugwiro - Gusabana - Kunga ubumwe.